ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO KU ITARIKI YA 11 MATA 2007

None kuwa gatatu tariki ya 11 Mata 2007, Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika : Paul KAGAME.

Imaze kwemeza gahunda y'inama, Inama y'Abaminisitiri yafashe ibyemezo bikurikira:

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku itariki ya 28/03/2007, imaze kuyikorera ubugororangingo.

2. Inama y'Abaminisitiri yemeje Politiki y'Igihugu y'Uburere Mboneragihugu.

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje Iteka rya Minisitiri rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ihuriro ry'abafite uruhare mu bikorwa by'amajyambere (Joint Action Forum) ku rwego rw'Akarere n'urw'Umurenge.

4. Inama y'Abaminisitiri yemeje Iteka rya Perezida ryinjiza muri Polisi y'Igihugu Major Wilson RUBANZANA ku ipeti rya « Assistant Commissionner ».

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje amateka akurikira:

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu amasezerano ku mutekano, amahoro n'iterambere mu karere k'ibiyaga bigari, yashyiriweho umukono i Nairobi ku wa 15 Ukuboza 2006;

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu amasezerano y'umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yerekeye kudashoza intambara no gutabarana, yashyiriweho Abuja kuwa 31/01/2005;

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu amasezerano ashyiraho Ikigo nyafurika cyita ku bamugaye, yashyiriweho Addis Ababa (Ethiopia) kuwa 15 Nyakanga 1985.

- Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano Nyafurika yerekeye ubwikorezi bwo mu mazi yashyiriweho i Tunis muri Tunisiya kuwa 11 Kamena 1994.

6. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko :

- Bwana Mariano Manrique Lores BETANCOURT ahagararira igihugu cye cya Cuba mu Rwanda ku rwego rw'Ambasaderi, afite icyicaro i Kampala.

- Dr.Marwa Mwita MATIKO ahagararira igihugu cye cya Tanzaniya mu Rwanda ku rwego rw'Ambasaderi, afite icyicaro i Kigali.

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje Iteka rya Perezida riha imbabazi Bwana Pasteur BIZIMUNGU

8. Mu bindi

a) Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko hari abasirikare 3 bakomerekeye muri Darfour, mu gico cy'abarwanya Leta ya Khartoum, umwe muri bo yitaba Imana.

b) Minisitiri w'Ingabo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko hari abashyitsi bo muri Minisiteri y'Ingabo yo mu Bushinwa bazagenderera u Rwanda ku matariki ya 17-20/05/2007, mu rwego rw'ubutwererane hagati y'u Rwanda n'icyo gihugu.

c) Minisitiri w'Ubutabera yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko mu Bubiligi ku itariki ya 19/04/2007 hazatangira urubanza Ububiligi buregamo Major NTUYAHAGA ko yicishije abasirikare babo, biciwe muri Camp Kigali muri Mata 1994.U Rwanda narwo ruri mu bamurega.

d) Minisitiri w'Ibikorwa Remezo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 12/04/2007 hari umuhango wo gutaha umuhanda ugana ku rwibutso rwa Gisozi wubatswe ku nkunga y'Ubushinwa.

e) Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA ushinzwe Ingufu n'Itumanaho yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku matariki ya 19-20/04/2007 i Kigali hazabera inama rusange ya SINELAC

f) Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE ushinzwe Kurwanya Sida n'Izindi Ndwara z'Ibyorezo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko Umunsi Nyafurika Wahariwe Kurwanya Malariya uzizihirizwa i Kigali kuwa 25/04/2007 . Mu bazawitabira harimo n'Umuyobozi Mukuru wa OMS/WHO.

g) Umunyamabanga wa Leta muri MIFOTRA ushinzwe umurimo yibikuje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 1/05/2007 ari umunsi mpuzamahanga w'umurimo ku rwego rw'Igihugu uzabera kuri Sitade Amahoro. Insanganyamatsiko y'uwo munsi ni "D *ushishikarire umurimo wo soko y'ubukungu"* .

h) Umunyamabanga wa Leta muri MINAGRI ushinzwe Ubuhinzi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ingamba MINAGRI yafashe zo gukemura ikibazo cy'umusaruro wa saison B ushobora kuzaba muke.

Kigali, kuwa 11/04/2007

Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru

Prof. NKUSI Laurent.